**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'UBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA NYABIHU**
**Website :www.nyabihu.gov.rw**
**E-mail :** info@nyabihu.gov.rw

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku myanya **37** yo kwinjira mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

***Kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:***

(a) ari Umunyarwanda;
(b) yabisabye ku bushake;
(c) agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
(d) ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
(e) atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
(f) afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
(g) afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;

(h) atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta;
Kandi (i) yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO.

**Icyitonderwa:** Icyakora, umuntu ufite ubumenyi bwihariye ashobora guhabwa akazi muri DASSO, hadakurikijwe ibivugwa mu gika cya (1) (c) na (i) cy'iyi ngingo.

***Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:***

- Ifishi isaba akazi yujujwe neza, iboneka ku rubuga rw'Akarere ka Nyabihu;
- Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri;
- Icyemezo cyo kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge;
- Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe mu Rwanda;
- Fotokopi y'indangamuntu.

Dosiye isaba akazi igomba kuba yageze mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere bitarenze kuwa ..27../02/2024 saa kumi n'imwe z'umugoroba.

Bikorewe i Nyabihu, kuwa 13/02/2024

NYABIHU - DISTRICT
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MUKANDAYISENGA Antoinette**
Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu